





UBURYO BWO GUTAWAZA

AGAMBIRIRA K'UMUTIMA GUKORA IGIKORWA CYO, GUTAWAZA YARANGIZA AKAVUGA ATI: BISMILAH, HANYUMA AGAKARABA IBIGANZA BYE




1

YARANGIZA AKAYORA AMAZI MU KIGANZA CYE CY'IBURYO, AKAYUNYUGURISHA MU KANWA "YINJIZA AMAZI MU KANWA KE AYAZUNGUZA MO" YARANGIZA AKAYACIRA, HANYUMA AKINJIZA AMAZI MU MAZURU MU BURYO BWO KUYASHOREZA YARANGIZA AKAYAPFUNA.



2

HANYUMA AKOZA UBURANGA BWE "AHEREYE AHO IMISATSI ITANGIRIYE KUGEZA MUNSI YA AKANANWA MU BUREBURE, MU BUTAMBIKE AKOZA HAGATI Y'AMATWI YOMBI.



3

HANYUMA AKOZA AMABOKO YE AHEREYE KU MPERA Z'INTOKI KUGEZA MU NKOKORA, AHEREYE K'UKUBOKO KWE KW'IBURYO HANYUMA UKW'IBUMOSO.




4

YARANGIZA AGASIGA UTUZI MU MUTWE WOSE, AKANYUZA IBIGANZA BYE MU NTANGIRIRO Z'UMUTWE KUGEZA MU IRUGU AKABIGARURA MU NTANGIRIRO Z'UMUTWE N'UBUNDI.





5

HANYUMA AKINJIZA INTOKI ZE ZA MUKUBITARUKOKO MU MATWI IBIKUMWE BIHANAGURA INYUMA Y'AMATWI.



6




HANYUMA AKOZA IBIRENGE BYE N'UTUBUMBANKORE.



7

ITEGEKO RYO KURENZA IBYATEGETSWE?

NTAGO BYEMEWE KURENZA IKIGERO CYAGENYWE MU GUTAWAZA, NKO KUBA UMUNTU YAKOZA INSHURO ZIRENZE ESHATU, CYANGWA AKOZA AHARENZE INKOKORA CYANGWA UTUBUMBANKORE KU AMAGURU CYANGWA GUSIGA AMAZI KU IJOSI.



8

YARANGIZA GUTAWAZA AKAVUGA ATI "ASHIHADU AN LA ILAHA ILA LLAHU WAH'DAHU LA SHARIKA LAHU, WA ASHIHADU ANA MUHAMADA ABDUHU WA RASULUHU" MU MVUGO YAKIRIWE NA TIR'MIDHIY AKAVUGA ATI "ALLAHUMA IJIALINIY MINA TAWABINA WA JIALINIY MINA MINAL MUTATWAHIRINA"

9

BIMWE MU BYONONA ISUKU YO GUTAWAZA:

- 1- GUHOKA IKINTU ICYO ARICYO CYOSE IMBERE CYANGWA INYUMA, NK'INKARI CYANGWA AMABYI CYANGWA UMUSUZI.
- 2- GUTAKAZA UBWENGE KUBERA GUSINZIRA CYANGWA KUZIMIRA.
- 3- KURYA INYAMA Z'INGAMIYA.





10

UBURYO BWO GUKORA TAYAMAMU

TAYAMAMU NI: NI UBURYO BWO KWISUKURA BUSIMBURA AMAZI, MU GIHE UMUNTU BIDASHOBOKA KO AYAKOYESHA KU BICE BYE BYO GUTAWAZA CYANGWA KURI BIMWE MURI BYO, NKO KUBA NTA MAZI AHARI CYANGWA AKABA ATINYA INGARUKA MUKUYAKOYESHA, ICYO GIHE IGITAKA GISIMBURA AMAZI.



1

AGOMBA KUGIRA UMUGAMBI K'UMUTIMA WO GUKORA TAYAMAMU, AYARANGIZA AKAVUGA ATI "BISMILAH, HANYUMA AGAKUBITA IBIGANZA INSHURO IMWE MU GITAKA AGAHANAGURA BUHORO MU BURANGA BWE NDETSE NO HEJURU Y'IBIGANZA BYE.



2

NTAGO BYEMEWE GUTATANYA INTOKI IGIHE UKUBITA IBIGANZA MU ITAKA NTA NUBWO UTANDUKANYA INTOKI IGIHE UHANAGURA KU BIGANZA.



3

UBURYO BWO KOGA BW'ITEGEKO

AFATA UMUGAMBI K'UMUTIMA WO KOGA, MAZE AKAVUGA BISMILAH MU IBANGA YARANGIZA AGAKWIZA AMAZI UMUBIRI WOSE AKAGERA NO MUNSI Y'IMISATSI YABA IMIKEYA NDETSE N'IMYINSHI IBYO BIKAJYANA NO KUNYUGUZA MU KANWA NO GUSHYIRA AMAZI MU MAZURU.

1

- IBITUMA UMUNTU YOGA:

- 1- KUBA UMUNTU AFITE IJANABA: IJANABA IKABA ITERWA NO GUSOHORA INTANGA MU BURYO BW'IMIBONANO CYANGWA UBUNDI BURYO, CYANGWA GUHUZA IBITSINA
- 2- GUSOHOKWAMO N'AMARASO Y'IMIHANGO CYANGWA AY'IBISANZA
- 3- GUPFA UDAPFIRIYE K'URUGAMBA RWA KISLAMU.
- 4- UMUNTU UTARI UMUYISLAMU IYO ABAYE UMUYISLAMU.

2

BYATEGUWE NA : Dr, Hayithami Sarhan, umwarimu mu Musigiti w'intumwa Muhamadi, akaba n'umuyobozi w'ishuri rya Sunat : mahadsunnah.com



Uburenganzira bwo gucapa no kwamamaza no gutanga burahari